Mutesi Jolly yifatiye mu Gahanga abakomeje kumushinja kugira Ukuboko mu Butabera buri guhabwa ‘Prince Kid’

October 15, 2023

Nyuma y’ukoo Urukiko mu Mujyi wa Kigali rukatiye Ishimwe Kagame Dieudonné uzwi nka Prince Kid igifungo cy’Imyaka Itanu n’ihazabu ya Miliyoni 2 z’Amafaranga y’u Rwanda, abatari bacye bakomeje gushyira mu Majwi Nyampinga w’u Rwanda mu 2016, Mutesi Jolly, bamushinja kugira uruhare ruziguye muri uru Rubanza.

Nyuma y’uru Rubanza, abatari bacye bibaje impamvu uyu mukobwa akomeje gushyirwa mu majwi kugira uruhare muri uru Rubanza, mu gihe nyamara atari we wenyine wabaye Nyampinga w’u Rwanda, ubwo Prince Kid yayoboraga Rwanda Inspiration Back Up yateguraga iri rushanwa ry’ubwiza.
Muri uru Rubanza, Prince Kida yarenzwe gukora Ibyaha bikomatanyije n’ibyo gukoresha nabi ububasha yari afite agamije gusaba ishimishamubiri rikoresheje imbaraga, gusaba kuryamana ku gahato na bamwe mu bo yakoreshaga muri iri rushanwa, n’ibindi…
Mu ntangiriro z’uyu Mwaka, Prince Kid wari muri Gereza ya Mageragere mu Mujyi wa Kigali, yaje kurekurwa, gusa uruhande rumurega rutangaza ko rutanyuzwe n’iki Cyemezo.
Nyuma y’uko muri iki Cyumweru akatiwe Imyaka Itanu n’ihazabu ya Miliyoni 2, ariko agahabwa iminsi 30 yo kujurira, abakurikiye uru Rubanza bakomeje kwibaza impamvu Mutesi Jolly akomeje guhuzwa narwo.

Ku ikubitiro ry’uru Rubanza, Mutesi Jolly yashijwe kuba inyuma y’ikiswe akagambane kari kagamije guta muri yombi no gucecekesha uyu wahoze ategura Irushanwa ry’Ubwiza rizwi nka Miss Rwanda.

Byakomeje kuvugwa ko ibyo aregwa yabishijwaga na Mutesi ndetse n'abandi bakobwa bamushinjaga, bikaba byaravuzwe ko bagiwe mu Matwi na we.

Abakurikiye uru Rubanza kuva mu Mizi, bakunze kwijundika Mutesi Jolly nyuma y'aya magambo yavugwaga, ndetse benshi babigaragaza babinyuje ku Mbuga nkoranyambaga nka Twitter, YouTube, Facebook n'izindi…

Nyuma y'ibi byose, mu magambo yafashwe nko kwishongora, Mutesi Jolly yagiye ku rukuta rwe rw'Urubuga rwa X rwahoze ari Twitter, yandika amagambo agira ati:"Ziramoka zitaryana".

Mu gika cya mbere, yagize ati:"Biratangaje kandi biranababaje kuba hakiriho abashaka gucecekesha abakobwa baharanira uburenganzira bwabo".

Yakomeje asaba abakobwa kwihagararaho bagaharanira uburenganzira bwabo batitaye ku bafite imbaraga bashaka kubacecekesha, ibyo yise "Imbwa zimoka zitaryana".

> *It is so sad to see some quizilings, predators and perpetrators of abuse gang up to drag peoples names in the mad to silence the voices of young women who stood up for their rights.*
>
> *Dear victims, these have been trying times and will continue to be , but we hear you and stand…*
>
> *— Jolly Mutesi. #TeamPK (@JollyMutesi) October 14, 2023*

Yakomeje kandi ko bakora ibyo yise ihohotera, avuga ko ataricyo gihe cyo gufata ibirwanisho, ahubwo bazatuma abagore n'abakobwa babona ibyo bakora barushaho gukomera.

Amafoto


2016
cogebanque
tigo
seba med
IGIHE
Live it. Love it.
vote Mutesi Jolly
send 16 to 1718

MISS RWANDA

© 2023 IGIHE